# UBUCUKUMBUZI BW'AMATEKA Y'U RWANDA 1900-1973

## IBIBAZO

### UMWADUKO W'ABAZUNGU MU RWANDA

1. Abakurambere bacu bakibona abazungu, mu bwenge bwabo bumvise ari bantu ki ? Imyifatire, imigenzereze n'amatwara y'abo bazungu, Abanyarwanda bayibonye bate ? Bayivugaho iki ?

2. Abazungu bo bitwaraga bate imbere y'Abanyarwanda ? Bakiriwe bate ibwami ? Rubanda rwabakiriye rute ?

3. Abanyamadini bo bazanye matwara ki ?
   a - Ubutegetsi bwabakiriye bute ?
   b - Rubanda rwabakiriye rute ?
   c - Abanyamadini babyifashemo bate kugira ngo bahabwe intebe mu gihugu kandi bacengeze amatwara yabo muri rubanda ?
   d - Icyo ubona byaba byarahinduye ku muco w'Abanyarwanda ni ikihe : ari mu bitekerezo ari mu mibereho ari no mu migenzereze ?
   f - Ibyiza bazaniye Abanyarwanda ni ibihe ?
   g - Icyo umuntu yakemanga ku matwara yabo ni ikihe ?
   h - Icyo umuntu yanenga ku myifatire y'abategetsi na rubanda mu mishyikirano yabo n'abanyamadini ni ikihe ?
   i - Bakoranye bate na bene wabo b'abasivili ?
   k - Ko amadini yari menshi, abayobozi bayo babanye bate ?
   l - Umuntu yasobanura ate ko idini gatolika ari ryo ryabanje gushinga imizi mu Rwanda kandi rwari rumaze kwigarurirwa n'Ubudage, igihugu cyiganjemo abaporotesitanti (protestants), byongeyeho ko muri Tanganyika ho bari barahageze ?
   m - Bavuga ko amadini yafashije abakolonije u Rwanda : ni ku buhe buryo, kandi mu zihe nzego ?

4. Abo banyamahanga badukanye matwara ki mu rwego rw'ubucuruzi no guhahirana ?
   - Abanyarwanda bakiriye bate ubwo buryo bushya bwo guhahirana no gucuruza (abategetsi, rubanda) ?
   - Ibyiza cyangwa se ibibi ubwo buryo bushya bwatuzaniye ni ibihe ?

.../...

5. Abadage babyifashemo bate kugira ngo bemeze umwami amatwara yabo yo kugira u Rwanda ingaruzwamuheto yabo ?
   - Ubutegetsi bwa cyami bwabyakiriye bute ?
   - Rubanda rwo rwabibonye rute, rwabijujuyeho iki ?

6. Wavuga iki ku ntambara yo ku Rucunshu n'ingaruka zayo mu mateka y'igihugu ?
   - Mu nzego nkuru z'ubutegetsi
   - Muri rubanda rugufi.

7. Abadage babyifashemo bate igihe Abega n'Abanyiginya basubiranyemo ?
   - Byaje guhosha (1909) bite ?
   - Uruhare rw'Abadage ni uruhe ? Rubanda rwo ?
   - Abanyamadini babyifashemo bate ?

<u>Ubutegetsi bw'Abadage mu Rwanda</u>

8. Ntekerereza amayira Abadage banyuzemo n'ababayoboye igihe baramvuraga u Rwanda ?

9. Waba uzi intandaro n'inkurikizi z'igitero cy'i Shangi mu wa 1897 ? Byagenze bite ?

10. Abadage bagiranye masezerano ki n'abategetsi b'u Rwanda ? Uyatekerezaho iki ?

11. Utekereza iki ku bihano Musinga yahawe n'Abadage kubera urugomo yagiriye Mpumbika umutware mu Gisaka ?

12. Gira icyo untekerereza ku myivumbagatanyo y'Abarera (1901-Rukara, (1903) n'Abanyagisaka (1905) ?
   - Byatewe n'iki ? Byashojwe na nde ?
   - Byagenze bite ? Byarangiye bite ?
   - Inkurikizi zabyo ni izihe ?
   - Ibwami n'Abadage babyifashemo bate ?

13. Ntekerereza mu magambo arambuye iby'ubwigomeke bwa Basebya na Ndungutse ndetse na Rukara.
   - Imigambi bari bimirije imbere ni iyihe ?
   - Byabagendekeye bite ?
   - Erekana uruhare rw'ibwami n'Abazungu mu kurwanya ibyo byigomeke ?
   - Dutekerereze by'umwihariko iby'amakimbirane hagati ya Rukara n'abazungu ?

.../...

14. Abadage bahisemo kuyobora u Rwanda bifashishije ubutegetsi bwari busanzweho.
- Icyiza n'ikibi by'ayo matwara ni ibihe :
  - Ku ruhande rw'Abadage
  - Ku ruhande rw'ibwami n'abatware
  - Ku ruhande rwa rubanda.

15. Abadage bashyizeho umusoro (1912).
- Uwo musoro wagombaga gutangwa na ba nde ?
- Watangwaga ute ?
- Wakiriwe ute n'abategetsi ba cyami na Rubanda rugufi ?
- Ko uwo musoro waje usanga amakoro n'uburetwa, byo byahawe uwuhe mwanya ?

16. Abazungu badukanye ubuhe buryo bwo gutwara ibintu n'imizigo ?
- Bavuga ko muri icyo gihe abategetsi bahekwaga mu maceri. Hahekwaga abo mu zihe nzego ?
- Abahetsi bashyirwagaho na nde kandi hakurikijwe iki ?
- Rubanda rwabyakiriye rute ?
- Ese hari uwashoboraga kubyanga ?
- Hari ibihembo cyangwa ibihano byari biteganyirijwe abahetsi cyangwa abigometse ?
- Ubwo buryo bwo guheka bwavuyeho ryari ? Ku zihe mpamvu ?

17. Abadage bakoze iyihe mishinga mu gihugu ?
- Abanyarwanda bagize uruhe ruhare mu gutunganya iyo mishinga ? Bakoreshwaga bate ?
- Ubutegetsi bwa cyami bwakiriye bute iyo mishinga ?
- Imishinga Abadage bari bimirije imbere batashoboye kurangiza ni iyihe ?

18. Muri rusange Abanyarwanda babonaga bate umutegetsi w'umudage ?

Intambara ya mbere y'isi yose mu Rwanda (1914-1918)

19. Imirwano yagenze ite mu Rwanda ?
- Abanyarwanda bagize ruhare ki ? (Kurwana, ingemu, amakoro...)
- Inkulikizi z'iyo ntambara mu Rwanda ni izihe ?
  - Mu rwego rwa politiki n'ubutegetsi ?
  - Ku byerekeye imipaka y'u Rwanda ?

.../...

(Gisaka, Mutara - Mubari...)

- Mu rwego rw'ubukungu n'imibereho y'abaturage ?

- Ababiligi bakiriwe bate bamaze kunesha Abadage ?

U Rwanda mu gihe cya manda (mandat) y'Ababiligi

20. Abategetsi b'Ababiligi bakoranye bate n'ibwami n'abatware gakondo ?

21. Mu wa 1917 hashyizweho inkiko za mbere.
- Zahinduye iki ku butegetsi n'uburenganzira bw'umwami n'abafasha be ?
- Bavuguruye bate uburyo bwo guca imanza ?
- Ayo matwara yakiriwe ate na bene ubwite ?
- Hari icyo izo nzego zaba zararuhuyeho rubanda rugufi ?

22. Umwami yambuwe uburenganzira bwo kwica no gukiza, ndetse no gushyiraho abatware Rezida atabimwemereye.
- Byakiriwe bite n'umwami n'abatware ?

23. Bavuga ko umwami n'abatware bitwaye nabi ku buryo Ababiligi bashyizeho abatware b'abahutu.
- Hari abo waba uzi ?
- Bakiriwe bate n'ibwami n'ibutware ?

24. Ababiligi bashyizeho imisoro.
- Iy'abagabo (1917)
- Iy'inka (1923)
- Iy'abagore ba kabiri (1926)
- Iy'imodoka (1932)

Iyo misoro yakiriwe ite na bene kuyitanga ?
Wayivugaho iki ?

25. Mu wa 1924 Ababiligi bakuyeho indabukirano ndetse bagabanya iminsi y'uburetwa.
- Babikuriyeho iki ?
- Ayo matwara yakiriwe ate n'abatware na rubanda ?

26. Kuva mu 1926 - 1931 Ababiligi bakuyeho abategetsi gakondo : Abatware b'umukenke, abatware b'ubutaka n'abatware b'ingabo.
- Ayo matwara yakiriwe ate n'abatware na rubanda ?

.../...

27. Ababiligi baje kugira icyo bahindura ku mugenzo wo gushengerera ibwami n'ibutware.
   - Babitewe n'iki ? Ibyahinduwe ni ibiki ?
   - Byakiriwe bite ?

28. Ntekerereza ibyerekeye imikoreshereze y'imihanda mu Rwanda :
   - Imvune yabyo
   - Akarengane byakuruye mu gihugu
   - Ikiboko cyadutse ryari, biturutse kuki
   - Cyakoreshwaga gite ku muhanda ?
   - Ko wumva bamwe bagiye bagikoresha uko bishakiye ndetse n'hatari ku mihanda, ubwo Ababiligi ntibababibonaga ?
     Hari icyo se baba baragerageje kubihinduraho ?
     Nta kuntu rubanda rwaba rwaragerageje kukirwanya ?
     Uwabitinyukaga byamugendekeraga bite ?

29. Gira icyo uvuga ku bikorwa by'Ababiligi mu rwego rw'imizamukire y'icyaro (Ubuhinzi-ubworozi), ugaragaze uruhare rw'abatware na rubanda mu gushyira mu bikorwa amatwara y'abazungu.
   - Icyo u Rwanda n'Abanyarwanda baba barahungukiye ni ikihe ?
   - Icyaba cyarababangamiraga ni ikihe ?
   - Utekereza iki kuri programu z'Ababiligi mu guteza imbere ubworozi bw'amafi, mu kurwanya isuri, mu gutera amashyamba, mu kuvugurura ubworozi bw'inka ?
   - Byaba byaramariye iki abatware, abatunzi na rubanda rugufi ?
   - Inzara zo hambere waba uzi ni izihe ?
   - Zaterwaga n'iki ? (Imihindukire y'ibihe, kubura igihe gihagije cyo guhinga, ubwiganze bw'inzuri, guhinga nabi, ibikoresho bya kera...)
   - Abazungu bazirwanyije bate ?
   - Muri uko kuzirwanya Abanyarwanda bagize uruhe ruhare ?
   - Icyemezo abazungu bafashe cyo kubaga inka barwanya inzara cyakiriwe gite n'Abanyarwanda (ari bene inka, ari na rubanda) ?
   - Hakurikizwaga iki kugira ngo kanaka atange inka ye ?
   - Inzara ya nyuma rukokoma (1940-1944) yatewe n'iki ?
   - Yarwanyijwe ite ?
   - Wayibonye ute ?

.../...

30. Ibihingwa ngengabukungu byamariye iki abazungu, abatware, rubanda ?
   - Ibyo bihingwa byakwirakwijwe ku buhe buryo ?

31. Ubutegetsi bw'Ababiligi bwakoze iki mu rwego rw'ubucuruzi ?
   - Hacuruzaga nde ?
   - Hacuruzwaga iki ?
   - Icyo byaba byarahinduye ku mibereho y'Abanyarwanda ni ikihe ?
   - Ese hari icyo waba uzi ku miterere y'amasoko ya kera ?

32. Ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bwamariye iki igihugu cyacu n'Abanyarwanda ?

33. Amatwara ya Leta y'icyo gihe mu byerekeye imibereho y'abakozi yari iteye ite ?
   - Umukozi w'umwirabura yari afashwe ate ugereranyije n'umukozi w'umuzungu ? Bashyikiranaga bate ?
   - Ni izihe mpamvu zatumye Abanyarwanda bajya gukora mu mahanga ?

34. Abazungu babyifashemo bate kugira ngo Musinga yemere ko buri munyarwanda afite uburenganzira bwo gukurikiza idini yishakiye ?
   - Ni izihe mpamvu zatumye abatware barangamira ubukirisitu bakitarura MUSINGA n'amatwara ye.
   - Kiliziya n'Ababiligi baba barabyifashemo bate ?
   - Abanyamadini babyifashemo bate kugira ngo bahanagure mu mitima y'Abanyarwanda iyobokamana gakondo, n'imihango kimwe n'imigenzo Abanyarwanda bakurikizaga muri urwo rwego ? Ingorane bahuye nazo ni izihe ? Inkunga baba barabonye ni iyihe ?
   - Uko ubibona Abanyarwanda bacengewemo n'amatwara y'amadini y'ahandi ku buryo ya mvugo ngo "Kiliziya yakuye kirazira" yaba ifite ishingiro rihamye ? Impamyakuri y'ibyo ni iyihe ?
   - Amadini yabigenje ate kugira ngo aterwe inkunga n'abayoboke bayo ?
   - Abanyamadini baba baragize uruhare rugaragara mu kugena amatwara Leta mbiligi yakurikizaga mu Rwanda no gutera inkunga Leta mu myubahirize y'ayo matwara ? Watubonera impamyakuri y'ibyo ?
   - Uko ubibona impamvu z'ingenzi zatumye Musinga ava ku ngoma ndetse agacibwa ni izihe ?
   - Abatware be na rubanda babyakiriye bate ?

35. Amatwara ya Leta mbiligi mu rwego rw'amashuri ni ayahe ?
- Uruhare rw'amadini mu guteza imbere uburezi ni uruhe ?
- Amatwara ya Leta n'amadini mu burezi bw'abahutu, abatutsi n'abatwa yari ayahe ?
- Uburezi mu mashuri bwari bugamije kurera umunyarwanda ki, ufite matwara ki ?
- Amategeko yagengaga amashuri yari ateye ate ?
  yari agamije iki ? Icyo umuntu yayakemangaho ni ikihe ? Icyo umuntu yayashimaho ni ikihe ?
- Kuki abazungu batashyizeho amashuri y'ingeri zose, ngo bashyireho Kaminuza mu Rwanda ?
- Umunyarwanda wize yahabwaga iyihe mirimo ?
- Abanyarwanda bitaga "evolués" babikeshaga iki ?
  byabamariraga iki, imibanira yabo n'abakozi b'abazungu yari iteye ite ?
- Umunyarwanda wize yabanaga ate n'abatize ?

36. Amatwara ya Leta mbiligi mu kubungabunga ubuzima bw'abanyarwanda ni ayahe ?
- Uruhare rw'abanyamadini n'abagiraneza muri urwo rwego ni uruhe ?
- Abo banyamadini babonaga bate ubugeni bw'abavuzi gakondo ?
- Uruhare rwabo mu gucengeza amatwara y'ubuvuzi bwa kizungu ni ubuhe ?
- Abanyarwanda bakiriye bate ubwo buvuzi bwa Kizungu ?
- Abazungu bahaye uwuhe mwanya ubuvuzi gakondo ?
- Ibyiza ubona ubuvuzi bwa kizungu bwazaniye Abanyarwanda ni nk'ibihe ?
- Ibyo wakemanga ku matwara y'abazungu mu rwego rw'ubuvuzi ni nk'ibihe ?

<u>U Rwanda mu gihe cy'intambara ya kabiri y'isi yose</u>

37. Abanyarwanda baba baragize ruhare ki :
a- mu mirwano (abari muri Kongo no muri Uganda)
b- mu gutunganya ibikenewe byose ababiligi boherezaga iwabo no muri Kongo.
  - Ibihingwa ngengabukungu
  - Amabuye y'agaciro
  - Ibiribwa, n'ibindi.
c- Ibyoherezwaga muri Kongo byari ibyo kumara iki ?

d- Ese ko muri icyo gihe habazwe inka nyinshi, zarobanurwaga zite, na nde, bene zo hari icyo bashumbushwaga ?
  - Ese nta baharenganiye ?
  - Ayo matwara yakuruye mwuka ki mu banyarwanda ?

e- Inkuru y'intambara y'isi yose yakiriwe ite kwa Musinga ? Abatware n'ibyegera bye bari bashyigikiye amatwara ye ni bande ? Yari yizeye iki ?
Ko byagaragaye ko bamwe muri bo bahinduye idini bakaba Abaporoso, ubwo biyumvishaga ko byazabageza kuki ?
  - Ese haba hari ibimenyetso byerekana ko Musinga yari afite icyizere muri Hitileri ?
  - Hari ibimenyetso bigaragaza ko Musinga yihaye kwivumburira Leta mbiligi ndetse akerekana ku mugaragaro amarere afite ?
  - Byarangiye bite ?
  - Abari mu gice cya Musinga bafatiwe bihano ki ?
  - Ese rubanda rwa giseseka narwo rwaba rwaragize icyo rumenya kuri ayo matwara ya Musinga ? Umwuka wari mu gihugu wari umeze ute ?

<u>U Rwanda igihe rwari ruragijwe u Bubiligi</u>

38. Amatwara y'u Bubiligi mu gihe cya "Tutelle" ataniye he n'ay'igihe cya manda (mandat) ari mu nyandiko ari mu mvugo ari no mu bikorwa ?
  - Umugambi (w'imyaka icumi) wo gutsura amajyambere mu Rwanda wateguwe ute, wari ugamije iki, washyizwe ute mu bikorwa, wamariye iki igihugu n'abagituye ?

39. Mu wa 1955 Umwami Buduwe yasuye u Rwanda.
  - Yaje afite migambi ki ?
  - Urugendo rwe rwamugejeje hehe na he ?
  - Yakiriwe ate ?
  - Hafashwe ibihe byemezo byaba byaragiriye Abanyarwanda akamaro ?
  - Muri uwo mwaka hashyizweho ikigega bise "Fonds du Roi". Cyamariye iki Abanyarwanda ?

40. Muri za 50 Ababiligi batangiye gukora ku buryo Abanyarwanda barushaho kugira uruhare mu kuyobora igihugu cyabo :
  - Iyo migambi mishya bayadukanye bitewe n'iki ?

- Hakozwe iki kugira ngo amasezerano bagiranye na ONU yubahirizwe ?
- Ibyadindije ubwubahirizе bw'ayo masezerano ni ibihe; ari ibyaba byaraturutse ku babiligi, ku mwami, ku batware...
- Umwami yahawe burenganzira ki bwaba bwariyongereye ku bwo yari asanganywe ?
- Abatware bo ?
- Abakozi bahabwaga imyanya ku buhe buryo ?
- Bahembwaga bate ?

41. Ababiligi bari bariyemeje gukoresha amatora kugira ngo buhoro buhoro amatwara ya demokarasi azacengere mu gihugu, Abanyarwanda bazageze aho bajya bitorera abayobozi.
   - Byakozwe bite ? Byatangiye bite ?
   - Byakomeje bite ?
   - Inteko ya Rwanda-Urundi yashyizweho mu wa 1947 (4 werurwe) yari ifite ubuhe burenganzira ?
   - Muri 1953 hashyizweho inteko ya S/Shefori, iya Shefori, iya Teritwari ndetse n'Inteko y'Igihugu :
     a) Ayo matora yagendaga ate ?
     b) Umuntu yayanengaho iki ?
   - Izo nzego zose zashyizweho zite ? Zari zifite ubuhe bushobozi ? Zamariye iki igihugu ?
   - Mu wa 1956 bongeye gutora. Bwo byagenze bite ?

42. Ubucamanza mu Rwanda bwateye iyihe ntambwe mu gihe cya Tutelle ?
   - Abategetsi nyubahiriza tegeko bakomeje kuba aribo baca n'imanza. Ibyo ntibyabangamiraga ubusugire bw'ubutabera ? Byari bimeze bite ?
   - Bavuga ko ubucamanza bwari mu maboko y'abatutsi cyane cyane. Ingaruka z'ibyo ni izihe ?
   - Muri 1951 ikiboko cyaraciwe koko cyangwa hari abakomeje kugikubitwa ? Cyaciwe ari uko bigenze bite ?

43. Kugeza muri 1949 imihanda yakoreshwaga ku gahato nta gihembo.
   - Dutekerereze uko wabonaga ako kazi n'ukuntu rubanda rwagakoraga ?
   - Ako gahato kavuyeho ku zihe mpamvu ?
   - Kuki Leta yaje gukoresha abapagasi bahembwa kandi mbere byarakorerwaga ubusa ?

.../...

- Ese ko hategetswe gutanga umusoro buri mwaka, uwo musoro wanganaga ute ? Watangwaga na bande ? Watangwaga ute ?

44. Ubuhinzi n'ubworozi byateye imbere bite mu gihe cya Tutelle ?
- Ibyo INEAC yagezeho mu bushakashatsi bw'imbuto z'indobanure byakwijwe mu cyaro ku buhe buryo ?
  Imbuto nshya zakwijwe mu bahinzi ni izihe ?
  Hari ibimenyetso byerekana ko hari ibyiza byagezweho ?
- Abazungu bagerageje kugabanya inzuri kugira ngo ubutaka buhingwa butubuke; babyifashemo bate ?
  Bene ibikingi bo babyifashemo bate ? Hari icyiza byatanze ?
- Imirimo yo guhinga ibishanga yakozwe ite ?
  yagize kamaro ki ?
- Ni izihe mpamvu zatumye Abanyarwanda bimuririrwa mu bihugu bidukikije ?
- Bimuriwe he ? Himurwaga ba nde ? Babyakiriye bate ?
- Babimuraga bakurikiye ayahe mabwiriza ?
- Uko ubibona ishyirwaho ry'amabanda (hangars de stockage) ryamariye iki rubanda ?
- Za peyizana zashyizweho hehe kandi ryari ?
- Icyiza twashimira peyizana ni ikihe ?
- Rubanda rwakiriye rute amatwara yo gutura muri za peyizana? Abatware bo ?
- Ababiligi bahagurukiye kurwanya isazi TSE TSE :
  a) Iyo sazi yitwa (ngo ite iki) mu kinyarwanda ?
  b) Indwara itera yitwa iyihe ?
  c) Hari abavuga ko yaba yaratewe mu Rwanda n'Abazungu.
     Hari icyo ubiziho ? Baba bari bafite migambi ki ?
  d) Iyo sazi yavuye he ? Yarangwaga mu tuhe turere ?
  e) Yarwanyijwe ite ? Byageze ku ki ?
- Ibihingwa ngenga bukungu byasakajwe mu Rwanda bite ?
- Guhinga ibibonobono byadutse ryari ? Byari bimaze iki ?
  Byahagaritswe ku zihe mpamvu ?
- Abazungu biyumvishije kuva kera ko inka zari zikwiye kugabanywa, ndetse n'ubuhake bugacika kuko ngo basangaga budindiza ugushakisha icyatuma umutungo w'umuntu ujya mbere. Ikindi kandi ababiligi batekerezaga ko ibiterane byakwiyongera ndetse hagashyirwaho Koperative ishinzwe gutubura umutungo w'ibikomoka ku bworozi :
  - Ibyo byaje gushyirwa mu bikorwa ?
  - Ibyatunganye ni ibihe ?
  - Ibyananiranye ni ibihe ?

.../...

- Uko ubibona ayo matwara yari anogeye igihugu ?
- Ubundi kugabana amatungo byagombaga kujyana no kugabana urwuri. Byishwe n'iki ko atari ko byagenze ?

45. Mu rwego rw'uburezi hakozwe iki kuva muri 1945 ?
- Kuki ababiligi batinze cyane gushyiraho amashuri yisumbuye n'amakuru ?
- Rero ngo Seminari zari zifashe runini ! Ubitekerezaho iki ?
  - Ni iyihe mpamvu Koleji St Esprit yubatswe i Bujumbura kandi yariteganyirijwe kubakwa i Gatagara.
  - Iyo ugenzuye usanga amashuri hafi ya yose yarayoborwaga n'abanyamadini. Kuki Leta mbiligi aribo yashinze ubwo buyobozi ?

46. Mu rwego rw'iyobokamana hakozwe iki kuva muri 1945 ?
- Uruhare rw'ibinyamakuru bishyigikiwe na Kiliziya mu guharanira icyatuma imbaga nyamwinshi yitabwaho ni uruhe ?
  - Ibyo binyamakuru byari bifite matwara ki ?
    (Kinyamateka, L'ami, Kurerera Imana)
  - Ikinyamakuru "L'ami" cyavanyweho n'iki muri 1956 ?

47. Mu rwego rw'ubuvuzi hakozwe iki kuva mu wa 1945 . Ese muri urwo rwego nta karengane kagaragaraga ?

48. Ntekerereza uko Yubile y'Umwami Rudahigwa yizihijwe muri 1956 ?

INTANDARO ZA REVOLUSIYO MU RWANDA

49. Amakimbirane bavuga ko umwami Rudahigwa yagiranye n'ababiligi nyuma ya Yubile ye yo muri 1956, ashingiye kuko umwami yashyizeho ikigega giteza imbere uburezi kugira ngo abanyarwanda bige ari benshi ndetse bagere no mu mashuri makuru, wayavugaho iki ?
- Haba hari igisanira ayo makimbirane yaba afitanye n'ibyabujije Koleji St Esprit gushyirwa i Gatagara ?
- Ko icyo gihe muri ONU no hirya no hino ku isi ibihugu byari byarigaruriwe n'amahanga y'i Burayi byahataniraga ubwigenge, ibyo bitekerezo byo kwigenga byari byarasesekaye mu Rwanda ? Byaje bite ? Abanyarwanda bose babyumvaga kimwe ? Wavuga icyo ab'inkwakuzi (Umwami, abatware, abakozi, abanyamadini...) batekerezaga kuri ubwo bwigenge n'uko u Rwanda rwazaba ruteye ruramutse rwigenze ?

...//...

50. Bamwe bavuga ko umwami yakuyeho uburetwa kugira ngo yigarurire abahutu, abandi bagahamya ko abazungu aribo bari babikomeyeho nabo bashakisha uko bakwiyegereza abahutu.
- Umuntu yasobanura ate iryo hinduka ry'amatwara y'umwami n'abazungu ubundi bahoze bafatanyije gukandamiza rubanda rugufi ?
- Hagati aho abarwanashyaka b'abahutu bo babyifashemo bate ? Bari bafite migambi ki ?

51. Amatora yo mu wa 1956 yagaragaje ubusumbane bukabije hagati y'abahutu n'abatutsi uko inzego bitaga inteko zasumbasumbanaga. Twibuke ko mu nteko za Sushefori hari abahutu 66,72% naho mu nteko nkuru y'igihugu hari umuhutu umwe. Bamwe (nka Kagame) bavuga ko imitunganyirize y'iryo tora yakozwe nkana n'ababiligi kugira ngo amakimbirane arusheho kwiyongera, abahutu begere abazungu, barusheho kwitarura abatutsi.
- Utekereza iki kuri ayo matora n'uko Kagame yayabonye ?

52. Bamwe mu bagize Inteko Nkuru y'Igihugu banditse icyo bise "Mise au point" muri mutarama 1957 igihe biteguraga intumwa za ONU maze isaba
   - gushyiraho amashuri ya Leta yisumbuye n'amakuru
   - guha umwami n'inteko nkuru y'igihugu ububasha buhagije ku buryo mu minsi mike hagomba gutangwa autonomie interne.
   - Inzego z'ubutegetsi z'ingenzi zose (services centraux) zikwiye kuyoborwa n'umwami ubwe.
- Wavuga iki kuri iyo nyandiko ? Ubona abanditsi bayo bari bagamije iki ? Ese abazungu bashoboraga kubyemera ? Babyangiye iki ? Ese abazungu byarabashimishije ? Babyakiriye bate ?

53. "Manifeste" y'abahutu yo ku wa 24 werurwe 1957 yakiriwe ite mu gice
   - cy'abazungu ?
   - ibwami ?
   - mu batware ?
   - mu mpuguke z'abanyarwanda ?

.../...

54. Utekereza iki ku nyandiko abasenyeri ba Ruanda-Urundi bandikiye abakirisitu muri werurwe 1957 ?
- Harimo ibihe bitekerezo ?
- Yakiriwe ite - ibwami ?
  - mu batware ?
  - mu babiligi ?
  - mu barwanashyaka b'abahutu ?

55. Muri kamena 1957 i Gitarama havutse "Mouvement Social Muhutu" ishinzwe na Kayibanda.
- Yaje ifite matwara ki ?
- Ibitekerezo bishya yaba yaravukanye bitari ibyo muri Manifeste y'Abahutu ni ibihe ?
- Aho imenyekaniye yakiriwe ite :
  - ibwami ?
  - mu batware ?
  - mu bazungu n'abanyamadini ?
- Rubanda rwagize icyo ruyimenya ho ?
- Rwayakiriye rute ?

56. Ku wa 1 ugushyingo 1957 havutse APROSOMA ya Gitera.
- Yaje ifite matwara ki ? Ibitekerezo bishya yadukanye ni ibihe ?
- Iryo shyaka ryakiriwe rite :
  - ibwami ?
  - mu batware ?
  - mu bategetsi b'abazungu n'abanyamadini ?
- Rubanda rwagize icyo ruyimenyaho ? Rwayakiriye rute ?
- Waba warasomye "Ijwi rya rubanda rugufi" ?
- Icyo kinyamakuru cyari gifite matwara ki ?
- Cyasomwaga na ba nde ? Cyakiriwe gite mu Rwanda ? Cyaretse gusohoka ryari ? Ku zihe mpamvu ?
- Kagame avuga ko ibyo Gitera yakoraga byari bishyigikiwe n'ababiligi. Ubitekereza iki ?
  Ese propagande bavuga ko Gitera yakoreshaga zari zimeze zite ?
- Gitera yagiye ahindagura amazina y'ishyaka rye. (Aprosoma, Rwanda Union, Unafreurope, Uhuru).
  - Ayo uzi ni ayahe ? Uko wabibonye yabiterwaga n'iki ?
  - Rubanda rwabyakiriye rute ?

57. Kuki rugikubita Gitera na Kayibanda batishyize mu mutwe umwe ?

.../...

58. Ku wa 30 werurwe 1958 Rudahigwa yashyizeho akanama kiga imibanire y'abahutu n'abatutsi.
- Imyanzuro y'ako kanama yabaye iyihe ?
- Aho raporo ishyikirijwe Inteko Nkuru y'Igihugu yo yayivuzeho iki ?

59. Benshi bavuga ko Rudahigwa avuye i Buruseli (Bruxelles) muri 1958 yaba yarashwanye n'ababiligi ku mugaragaro.
- Intandaro y'ibyo ni iyihe? Ese yari yajyanye na nde ? Urugendo rwagenze rute ?

60. Ku wa 17 mata 1958 abashefu 12 n'ibindi byegera by'ibwami batangaje inyandiko igaragaza ko : - Abahutu n'abatutsi nta wundi mubano bigeze bagirana uretse ushingiye ku buhake, ko rero ari ntacyo bapfana.
- Iyo nyandiko yakiriwe ite ?
- Nyamara kandi Rudahigwa n'Inteko Nkuru y'Igihugu bakomeje kwemeza ko nta kibazo kiri hagati y'abahutu n'abatutsi ndetse basaba ko ubwoko bw'umunyarwanda (Hutu, Twa, Tutsi) butajya bugaragazwa mu nyandiko. Umuntu yasobanura ate ayo matwara y'umwami n'inteko nkuru y'igihugu ?

61. Ku wa 11 gashyantare 1959 Mgr Perode (Perraudin) yatangaje inyandiko ivuga ibyerekeye Imana n'ubutabera.
- Hari abavuga ko iyo nyandiko ibarwa mu byatumye rubanda rwivumbagatanya.
- Utekereza iki ku ruhare rw'iyo nyandiko n'urwa Perode ubwe mu byakaguruye imitwe yari ishyamiranye ?
- Umwami n'ibyegera bye byakiriye bite iyo nyandiko ?
- Aho nta gitotsi iyo nyandiko yaba yarataye mu mubano wa Kiliziya n'ubutegetsi bwa cyami ?
- Wabibonye ute ?

62. Havuzwe kandi handitswe byinshi ku byerekeye urupfu rwa Rudahigwa, cyane cyane ku byerekeye icyo n'abo yaba yarazize.
- Tubwire ibyo waba wariyumviye ku byerekeye urwo rupfu, uvuge n'icyo ubitekerezaho
- Ese Rudahigwa yagiye i Bujumbura yatumiwe na nde, ko Haruwa (Harroy) yari mu Bubiligi umusimbura we akaba mu butumwa mu majyepfo y'u Burundi, yari agiye gukora iki ?

- Inkurikizi z'urupfu rwa Rudahigwa mu mateka y'igihugu ni izihe ?
- Abanyarwanda (abatware, abakozi, abatutsi, rubanda rugufi) bakiriye bate inkuru y'urupfu rwa Rudahigwa ?
- Abazungu bari bitwaye bate muri iyo minsi ? (ari abo mu nzego z'ubutegetsi ari n'abanyamadini)

REVOLUSIYO YO MU 1959

63. - Hari abahamya ko Rudahigwa yari yaravuze ko Ndahindurwa azamusimbura. Ubiziho iki ?
- Hari n'abavuze ko Musinga yaba yarabibwiye Rukeba amusanze i Moba. Ubiziho iki ?
- Ese ubundi ubwiru bwemeraga ko abantu bava inda imwe basimburana ku ngoma ?
- Mu by'ukuri Ndahindurwa yashyizwe na nde ku ngoma ?
- Abazungu baba bari bafite uwo bari bateganyirije gusimbura Rudahigwa ?
- Abazungu bakiriye bate iyimikwa rya Kigeri Ndahindurwa ?
- Abarwanashyaka b'abahutu bo biyumvishage bate izungurwa rya Rudahigwa ?
- Dutekerereze ibyabereye i Mwima ku munsi wo gushyingura umurambo wa Rudahigwa (28/7/59).
  Hari ba nde ? Hakorewe iyihe mihango ?
  Havugiwe magambo ki ? Rubanda rwari rwifashe rute ?
  Abazungu bo ?
- Kuki Rudahigwa atahambwe i Rutare nk'uko umuco ubiteganya ?

64. Bavuga ko Ndahindurwa amaze kwima yaba yaremeye gukurikiza amatwara ya demokarasi, hakazashyirwaho Inteko Ishinga Amategeko n'Itegeko-nshinga. Ko ibyo yakoze hanyuma bigaragaza ko ibyo yabyemeye asa n'utabikuye ku mutima, yabisezeranye abitewe n'iki ? Yashakaga kugera kuki ? Hari agahato yaba yari yashyizweho ?

65. Benshi bahamya ko mu by'ukuri Kigeli V yari igikoresho cy'abari batsimbaraye ku ngoma ya cyami na gihake nka Rukeba, Kayihura, Kayumba, Rutsindintwarane, n'abandi. Hari ibimenyetso wambonera byemeza cyangwa se bivuguruza ibyo ?
Ese nta bandi waba uzi babarwaga mu byegera bye ?

Abo wemeza ko bari abavuguruza be ni ba nde ?

Uko wabibonye amatwara y'ibyo byegera bye yari ayahe ?

66. - Byaragaragaye ko amashyaka ya politiki yavutse Rudahigwa amaze gutanga. Habaye iki gikomeye cyatumye politiki icengera mu banyarwanda mu gihe gito ?

- Ishyaka UNAR ryavutse taliki ya 3/9/1959 ryadukanye matwara ki ?

  Ryakurikije amatwara ya Rudahigwa wari usanzwe yari agiye kurishyiraho cyangwa hinjiyemo andi matwara ?

- Ese ko Rudahigwa yateganyaga gushyiraho Rebero Kosima ngo azayobore ishyaka rye, uwo Rebero yari muntu ki, yari afite ayahe matwara ?

  UNAR aho ivukiye ku mugaragaro yamwigijeyo ku zihe mpamvu ?

- Ishyaka UNAR ryari rishyigikiwe n'abanyarwanda bo mu zihe nzego ? bo mu tuhe turere tw'igihugu ?

  Hari abanyamahanga bari barishyigikiye ?

  Niba bari bahari ni ba nde ? Baricaga iki ?

67. - Ishyaka RADER ryavutse taliki ya 14/9/1959 ryadukanye ayahe matwara ? Abarwanashyaka baryo b'imena ni ba nde ?

- Ryari rishyigikiwe n'abanyarwanda bo mu zihe nzego, bo mu tuhe turere tw'igihugu ?

- Hari abanyamahanga bari barishyigikiye ?

  Niba bari bahari ni ba nde ? Baricaga iki ?

- Kagame avuga ko RADER yari ishyigikiwe n'Ababigili bari bagamije kuzana amacakubiri mu batutsi bari batsimbaraye ku ngoma ya cyami na gihake. Ubitekerezaho iki ?

68. - Ishyaka PARMEHUTU ryavutse taliki ya 26/9/1959 ryadukanye ayahe matwara ? Abayobozi baryo b'imena ni ba nde ?

- Ryari rishyigikiwe n'abanyarwanda bo mu zihe nzego no mu tuhe turere tw'igihugu ?

- Hari abanyamahanga bari barishyigikiye ? Baricagaho iki ?

69. Ni iyihe mpamvu nyakuri yatumye abashefu Kayihura Mikayire, Rwangombwa Kirizositomu na Mungarulire Petero bahanwa ndetse bigatuma basezera ku murimo w'ubushefu ? Ko bavuga ngo bazize ko bakoraga za mitingi (amanama ya politiki) kandi babibujijwe, abandi barwanashyaka bo ntibazikoraga ? (tuvuge nka Gitera). Ese ubundi babibaburizaga iki ?
Kigeli V yabyakiriye ate ?

.../...

70. Ntiwamenya impamvu zatumye ishyaka UNAR rikora imyigaragambyo i Kigali ku wa 10/10/1959 ?
- Byagenze bite, birangira bite ?

71. Ku wa 25/10/1959 UNAR yakwirakwije impapuro zidasinye zisebya Kayibanda, Ntoranyi, Ndazaro, Bwanakweri na Perode.
- Wamenya ibyavugwaga muri izo mpapuro ?
- Ese ko abo bantu batari mu ishyaka rimwe icyo UNAR yabarwanyirije bose hamwe ni iki ?
- Hari icyo iryo shyaka ryapfaga na buri wese ku giti cye ?

72. Ntekerereza ibyerekeye ikubitwa rya MBONYUMUTWA ku wa 1/11/1959 n'ingaruka zaryo ?
- Abatware bo mu Marangara babyifashemo bate ?
- Abaturage bo mu Marangara babyifashemo bate ?
- Abaturage bo hirya no hino mu gihugu babyifashemo bate ?
- Umwami n'abatware bo ?
- Abazungu bo ?
- Abarwanashyaka b'abahutu bapfuye muri iyo minsi ya mbere ya Revolusiyo ni ba nde ?
- Bahisemo kwica abo hakurikijwe iki ?
- Baba barishwe na ba nde ?
- Amashyaka y'abo bapfuye yabyifashemo ate ?
- Abaturanyi b'abo bishwe bo babyifashemo bate ?
- Umwami n'abatware be ?
- Abazungu babyifashemo bate ?

73. Bavuga ko Kigeli yaba yarashatse kuba ari we ubwe ugarura ituze mu gihugu abazungu batabyivanzemo bakabimwangira :
- Kuki babigenje batyo ?
- Abo bazungu bo baje kubikemura bate ?

U RWANDA MU GIHE CY'UBWIGENGE BUCAGASE (autonomie)

74. Ku wa 25/1/1960 hatangajwe iteka rya Buduwe rishyiraho amakomini.
- Ibisonga n'abategetsi bandi babyakiriye bate ko hari abasushefu benshi (315) bavuyeho ?

75. Aho inteko nkuru y'agateganyo igiriyeho, amashyaka yari ashyamiranye yahawe uwuhe mwanya ?
- Ayo mashyaka yakiriye ate icyo cyemezo cya Leta mbiligi ?
- Bavuga ko iyo nteko itumvikanye n'umwami, ibyo bagonganiyeho ni ibihe ?

76. Ku wa 30/4/1960 Parmehutu, Rader na Aprosoma zashyizeho icyo zise "Front commun".
- Icyahuzaga ayo mashyaka ni iki ?
- Abakomye imbarutso y'ubwo busabane ni ba nde ?
- Iyo "Front commun" yiyemeje iyihe migambi ? Yakoze ite ? Yageze kuki, yasenyute ite, ku zihe mpamvu ?

77. Ngo ababiligi bashatse gukuraho umwiharíko ku bikingi Kigeli aza kubyanga (2/5/1960) ariko Rezida we arabitegeka.
- Ayo makimbirane yaba yaragize izihe ngaruka ku mubano w'ababiligi n'ibwami ?

78. - Kuki UNAR yagerageje gusabota amatora yo kuri 27/6/1960 ? Twibukire kuri ya nama y'i Buruseli (30/5 - 4/6/1960) yateguraga ayo matora.
- Ingaruka z'iyo myifatire ya UNAR ni izihe ?

79. - Amatora ya Komini arangiye hari mwuka ki hagati y'amashyaka ya politiki ?
- Leta mbiligi yabyifashemo ite ?

80. Ni iyihe mpamvu yatumye Kigeli ajya mu mahanga muri Nyakanga 1960 ?
- Ko kuva icyo gihe umwami n'ibyegera bye batangiye kurega Leta mbiligi muri ONU usanga mu by'ukuri bari bizeye ko ONU yabamarira iki ? Ese bumvaga ibyahinduka ari ibiki, bigahindurwa bite ?
- Aho u Bubiligi buboneye iyo myifatire ya Kigeli bwabyifashemo bute ?
- Abayobozi b'amashyaka bo babyifashemo bate ?
- Muri rubanda hari mwuka ki ?

81. Ishyirwaho ry'umutwe w'ingabo z'u Rwanda ryahinduye iki mu rwego rwa politiki ?
- Kuki mbere hose ababiligi batigeze bashyiraho imitwe y'abasirikare b'abanyarwanda ?
- Abasirikare b'abanyekongo bari mu Rwanda bitwaraga bate mu gihugu, babanaga bate n'abanyarwanda, babanaga bate n'ingabo z'ababiligi ?
- Bavuga ko igihe abanyekongo batahukaga baba barayogoje ibintu byinshi, bagahohotera abanyarwanda hirya no hino mu gihugu, ubiziho iki ?

.../...

82. Kuva mu kwakira 1959 hari abanyarwanda bahunze.
- Aho uzi bari barahungiye ni hehe (mu Rwanda kimwe no mu mahanga) ?
- Leta yakoze iki kugira ngo bitabweho ?
- Iyo nkunga ya Leta yakiriwe ite mu mpunzi ?
- Muri rusange imibereho y'izo mpunzi wayivugaho iki ?
- Ese bose bahunze ari uko koko birukanywe mu byabo ?
- Hakozwe iki kugira ngo izo mpunzi zigaruke mu byazo, abagarutse bakiriwe bate n'abaturage, babanye bate ?
- Abanze kugaruka bishishaga iki, bumvaga bate bagenzi babo bagarutse iwabo ?
- Bavuga ko kuva imidugararo itangiye haba harapfuye abantu benshi : wowe wabibonye ute ?

83. Ku wa 18/10/1960 hashyizweho guverinoma y'agateganyo iyobowe na Kayibanda kimwe n'Inteko y'abantu 48 bahagarariye amwe mu mashyaka akomeye.
- Iyo guverinoma yashyizweho ite ?
- Kuki UNAR itabonyemo umwanya ?
- UNAR yakiriye ite uwo muhezo ?
- Ko Kigeli yareze muri ONU no kwa Buduwe byatanze iki ?
- Ba Minisitiri b'abanyarwanda bakoranaga bate n'abazungu babungirije ?
- Iyo guverinoma yakoranaga ite n'Inteko ?
- Iby'ingenzi izo nzego zagezeho ni ibihe ?

84. Inama y'i Gisenyi (7/12/1960) ntiyashoboye kugena igihe amatora mu Nteko Ishinga Amategeko azabera.
- Wamenya icyo buri shyaka ryari ritsimbarayeho ?
- Ababiligi bo bumvaga ayo matora yazagenda ate ?

85. Mu mpera z'ugushyingo 1960 abari bahagarariye amashyaka yari ashyamiranye muri ONU ntibigeze bavuga rumwe.
- Wambwira icyo buri shyaka ryaregaga irindi ?
- Waba uzi imiterere y'ubutegetsi buri shyaka ryifurizaga u Rwanda ?
- Wambwira icyo buri shyaka ryatekerezaga ku butegetsi bwa Kigeli n'ukugaruka kwe mu Rwanda ?
- Ababiligi bo babitekerezagaho iki ?
- ONU yo yabibonaga ite ?

86. Muri icyo gihe Rader yari yaragarukiye UNAR.
   - Umuntu yasobanura ate ko kugeza ku wa 27/4/1960 Rader yasabaga ko umwami yavaho kandi ikanga ko Kigeli yagaruka mu Rwanda ?
   - Ese ubwo UNAR yizeraga Rader byimazeyo ?

87. Kuva ku wa 7/1/1961 kugeza ku wa 12/1/1961 i Ostende habereye inama yari igamije kunga amashyaka yari ashyamiranye.
   - Wamenya uko iyo nama yagenze n'ibyo yagezeho ?

88. Ntekerereza mu magambo arambuye ibyabereye i Gitarama ku wa 28/1/1961 :
   - Uko byateguwe n'ababiteguye
   - Uruhare rw'abazungu muri byo
   - Uko amashyaka nka UNAR na Rader yabyakiriye ari mu Rwanda, ari mu mahango, ari no muri ONU
   - Abanyarwanda bakiriye bate icyo gikorwa cyakuyeho ubwami na Kigeli ?
   - Amatora yabaye uwo munsi yakozwe ate ?
   - Abakandida bamamajwe hakurikijwe iki ?

89. Mu kwa mbere 1961 hashyizweho inkiko za kantu. Abacamanza muri izo nkiko bashyizweho ku buhe buryo ?

90. Ku wa 10/2/1961 amasheferi yavanyweho, muri werurwe hashyirwaho amaperefegitura :
   - Yayobowe n'abategetsi bashyizweho ku buhe buryo ?

91. Ku wa 26/5.1961 habaye ivugururura ry'ubukonde muri za perefegitura Ruhengeri na Gisenyi.
   - Abakonde bakiriye bate icyo cyemezo ?
   - Icyiza iryo vugururura ryazaniye imbaga yo muri ako karere ni ikihe ?
   - Iryo teka ryateguwe na nde, ni guverinoma nyarwanda, ni guverinoma mbiligi, cyangwa barafatanyije ?

92. Kuva ku wa 7/3/1961 muri ONU habereye impaka zihanitse kubera amashyaka ataravugaga rumwe ku byerekeye inzira u Rwanda rugomba kunyuramo rugana ubwigenge, no ku byerekeye imyifatire n'imigenzereze y'u Bubiligi mu Rwanda.
   - Wavuga iki kuri izo mpaka ?
   - Hemejwe iki ku byerekeye itora ry'abagize Inteko Ishinga Amategeko no kuri Kamarampaka ?

.../...

93. Icyo gihe basuzumye ibyerekeye itora ry'abagize Inteko Ishinga Amategeko na Kamarampaka, ariko UNAR na Rader zigasaba ko mbere y'amatora hakurwaho abategetsi bashyiriweho i Gitarama (28/1/1961) kandi ayo mashyaka agahabwa kuyobora za Minisiteri z'ubutegetsi bw'igihugu, ubucamanza, imibereho y'abaturage n'impunzi.
- Ibyo byifuzo byari bishingiye kuki ?
- Andi mashyaka yabyakiriye ate ?
- U Bubiligi bwabyumvaga bute ?
- Izo mpaka ntacyo zagezeho. Ni ku zihe mpamvu ?

94. ONU yemeje ko abari barafungiwe ibya politiki cyangwa abari barahunze ku mpamvu za politiki barekurwa mbere y'amatora.
- Ibyo byakiriwe bite na bene ubwite ?
- Hari icyo byamariye amashyaka yari afite imfungwa n'impunzi nyinshi ? Andi mashyaka yo ?
- Muri ONU bemeje iki ku byerekeye ukugaruka (ukubunduka) kwa Kigeli ?

95. Mbere y'amatora habaye imidugararo ikomeye cyane amashyaka asubiranamo.
- Aho byateye inkeke cyane ni hehe ?
- Byatewe n'izihe mpamvu ?
- Byahosheje bite ?
- Amashyaka yabyifashemo ate ?
- U Bubiligi bwo ?

96. Amatora yateguwe ate mu gihugu ?
(Amashyaka cyangwa u Bubiligi)

97. Bavuga ko ku wa 23/9/1961 Kigeli yaba yaragarutse mu Rwanda.
- Waba hari icyo ubiziho ?
- Yaje afite migambi ki ?
- Yakiriwe ate ? Nyuma byamugendekeye bite ?

98. Amatora yagenze ate ? Ko bavuga ko haba harabaye icyo bita guhuha amajwi, waba warabibonye ?
Amashyaka yakiriye ate itangazwa ry'uko amatora yagenze ?
U Bubiligi bwo ?

99. UNAR ngo yaba yaranze kujya mu nama z'Inteko Ishinga Amategeko ku zihe mpamvu ?

.../...

100. Mu minsi yakurikiye itora ngo hari abantu bahunze.
Ni iki cyakuruye imidugararo mu gihugu ?

101. Mu kwezi kwa 10/1961 habaye ibitero by'inyenzi.
- Zateye he ? Zari ziyobowe na nde ? Zakoze iki ?
- Nyuma byagenze bite ?
- Ingaruka z'ibyo bitero ni izihe ?
- Abantu bakomeye baguye muri iyo ntambara ni ba nde ? (Kamuzinzi, Kajangwe) Byagenze bite ?
- Bamwe bavuga ko hariho igihe umuntu runaka utari inyenzi yicaga undi bafite icyo bapfa bikitirirwa inyenzi ndetse bikaba byatuma abatutsi batuye hafi aho babizira kuko bitwaga ibyitso by'abo bagizi ba nabi.
  - Wabibonye ute ?
  - Ishyaka UNAR (ishami ryari mu gihugu) ryabyifashemo rite ?

102. Ku wa 10/5/1962 nibwo hashyizweho umutwe w'ingabo z'u Rwanda.
- Kuki mbere hose ababiligi batigeze bashyira abanyarwanda mu ngabo za Force Publique ?
- Izo ngabo zagize ruhare ki mu gushyigikira amahoro mu gihugu ?
- Zakoranaga zite n'abayobozi b'ababiligi ?
- Ingabo z'u Rwanda zari zifashwe zite ugereranyije n'iz'ababiligi ?

103. Muri Gashyantare 1962 muri ONU bagerageje kunga amashyaka yari ashyamiranye, ku buryo Unar na Rader zahabwa imyanya muri guverinoma.
- Ibyo byarabaye ?
- Iyo guverinoma yakoze ite ?
- Abaminisitiri bakoranye bate ?
- Ese abaminisitiri b'abanyarwanda bakoranaga bate n'impuguke z'ababiligi ?
- Perezida yakoranaga ate na Rezida ?

104. UNAR yaje gutangaza ko yemeye ubutegetsi bwa demokarasi, ariko ko idashyigikiye repubulika.
- Ibyo nta ngaruka byakuruye mu mikorere ya guverinoma no mu mishyikirano y'amashyaka ?

.../...

105. UNAR yaje gutangaza ko idashyigikiye ibitero by'inyenzi.
- Uko wabibonye byahinduye iki ku myifatire y'abayobozi b'inyenzi ?

106. UNAR yaje gusaba ko ingabo z'ababiligi zigenda vuba na bwangu.
- Uko wabibonye iryo shyaka ryari rigamije kugera kuki ?
- Ese ingabo z'u Rwanda zari zihagije ku buryo zishoborera kubumbatira amahoro mu gihugu ?

107. Ni iki cyatumye inama ya Addis-Abeba yigaga ibyerekeye "Union politique, économique et administrative entre le Rwanda et le Burundi" itagira icyo igeraho kigaragara ?

U RWANDA NYUMA Y'UBWIGENGE

108. - Ntekerereza uko u Rwanda rwizihije umunsi w'ubwigenge : i Kigali, mu mirwa mikuru ya za perefegitura no mu cyaro ?
- Hari mwuka ki mu mashyaka ya politiki muri icyo gihe ?
- Ababiligi bari bifashe bate kuri uwo munsi ?

109. - Ku wa 20/7/1962 abayobozi ba UNAR bari mu buhungiro ngo baba barishyiriyeho guverinoma yabo. Waba waramenye abari bagize iyo guverinoma n'amatwara yabo ?
- Ese ko wumva hari amakimbirane hagati y'abayobozi ba UNAR, waba warashoboye kumenya uduce twaje kubavukamo n'amatwara ya buri gatsiko ? Waba uzi amavu n'amavuko y'iryo subiranamo ?
- Abayobozi b'utwo dutsiko ku giti cyabo bari bantu ki ?
- Ubona muri bo hari uwari ufite programu ihanitse yagira icyo imarira ishyaka rye, ku buryo ndetse riramutse rigiye ku butegetsi ryagira icyo rihindura kigaragara ?

110. Umubano w'u Rwanda rwigenga n'ibihugu bidukikije wari uteye ute mu minsi ya mbere y'ubwigenge ?

111. Iyo ugenzuye usanga UNAR yararushije andi mashyaka gushakisha ukuntu yashyigikirwa n'amahanga ndetse na ONU kandi yigeze kubigeraho iryo shyaka ryabyifashemo rite ?
- Nyuma y'ubwigenge uwo mubano wakomeje ute ?

112. Mu wa 1963 havutse ubutiriganya mu mashyaka yaharaniye Repubulika na Demokarasi.
- Imvano z'ayo matiku ni izihe ?
- Yakuruwe na ba nde ?
- Aprosoma na Rader zaje guta zite umwanya wazo mu rugaga rw'amashyaka yigeze guharanira Repubulika na Demokarasi ?
- Byaje bite ? Byakuruwe na ba nde ?
- Inkurikizi z'ayo matiku mu mizamukire y'u Rwanda rwigenga no mu busugire bwa Demokarasi zabaye izihe ?
- Agatsiko NZERUKASE kavutse gate ? Kafatiwe migambi ki ?
- Utekereza iki ku butiriganya bwagaragaye icyo gihe muri Parmehutu ?

113. Bavuga ko Gitarama yaba yarigeze guteganyirizwa kuzaba umurwa mukuru w'igihugu.
- Icyo gitekerezo cyavutse gite ? Cyari gishingiye kuki, cyadukanywe na ba nde ?
- Cyaje kurekwa ku zihe mpamvu ?

114. Sebyeze yari muntu ki ?
- Bavuga ko yigeze gushyiraho ishyaka "Parti Social Rwandais" ryarwanyaga ubutegetsi bwa cyami ndetse na Kigeli.
- Hari icyo waba uzi ku matwara nyakuri y'iryo shyaka ?
- Ryazimye ryari, ku zihe mpamvu ?

115. Ibitero by'inyenzi mu Rwanda uzi ni ibihe ? (nyuma y'ubwigenge)
- Byari bigabwe na ba nde ?
- Byagabwe hehe na he ?
- Inyenzi zari zifite migambi ki igihe zateraga aha n'aha ?
- Ibyo bitero byagenze bite ?
- Ingaruka za buri gitero ni izihe ?
- Muri rusange ingaruka z'ibitero by'inyenzi mu Rwanda ni izihe :
  - ku bireba abatutsi bari mu Rwanda, baba abo mu ishyaka UNAR cyangwa RADER, n'abandi
  - ku bireba imibereho y'abaturage n'umutekano mu gihugu
  - ku bireba umubano w'u Rwanda n'ibihugu bihana imbibi ndetse n'andi mahanga kimwe na ONU.

.../...

- Muri ibyo bitero byose hari bibiri byagize inkurikizi zikomeye mu mateka y'u Rwanda : icy'i Bugesera mu kuboza 1963 n'icyo mu Nshili mu wa 1966.

  Ntekerereza iby'ibyo bitero n'inkurikizi zabyo, umbwire :
    - abagaba babyo
    - uko imirwano yagenze
    - uko abatutsi bo mu Rwanda, cyane cyane abari batuye muri utwo turere babyifashemo
    - uko Leta y'u Rwanda yabyifashemo
    - uko mu cyaro byagenze
    - uko Kiliziya yabyifashemo
    - uko abakozi ba Leta babyifashemo
    - uko byagenze mu mashuri
    - uko amahanga adukikije yabyifashemo
    - uko andi mahanga yabyifashemo
    - uko ONU yabyifashemo.

- Bavuga ko muri icyo gihe haba hari ba ofisiye b'ababiligi baba baricishije zimwe mu nyenzi zafashwe abategetsi b'u Rwanda nta ruhare babigizemo. Ukuri guhereréye hehe ?

- Inama bavuga ngo yaba yarabereye i Kigali y'abarwanashyaka ba UNAR n'aba RADER ku munsi w'igitero cyo mu Bugesera yarimo ba nde ? Yari igamije iki ? Byabagendekeye bite ?

- Bavuga ko icyo gihe inyenzi zaba zarafatanywe impapuro zanditseho amazina y'abazajya muri guverinoma yazo niziramuka zitsinze. Hari abo waba uzi ?

  Ese nibyo koko ko hari abavuga ngo ibyo byahimbwe na Leta y'u Rwanda kugirango ibone uko yica abatutsi ? Ukuri guherereye hehe ?

- Uko wabibonye Leta y'u Rwanda yaba yarishingikirije kuri ibyo bitero kugirango "itsembe" abatutsi nk'uko byavuzwe mu mahanga ? Ukuri guherereye hehe ?

- Uko wabibonye ibisobanuro Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko A. MAKUZA yatanze mu mahanga byerekeranye n'izo "mpuha" byaba byaranyuze abahamyaga ko Leta y'u Rwanda yiyemeje kurimbura abatutsi ?

- Abaminisitiri Leta yohereje mu maperefegitura kugirango batunganye ibyerekeye umutekano mu mpande zose z'igihugu bahawe ayahe mabwiriza ?

.../...

Hari abavuga ko Perefe wa Gikongoro Nkeramugaba yaba yarakoze amarorerwa muri icyo gihe kandi ngo Leta itarabimutumye. Ukuri guherereye hehe ?

- Iyo usubije amaso inyuma usanga mu by'ukuri abo twahamya ko bagize uruhare runini mu midugararo n'umwiryane mu banyarwanda ari ba nde ?
  - ku ruhande rw'abayobozi b'inyenzi
  - ku ruhande rw'abategetsi b'u Rwanda
  - ku ruhande rw'abanyamahanga.
- Bavuga ko inyenzi zigeze kwiyambaza inyeshyamba za Mulele. Imishyikirano yabo yali ishingiye kuki ? Yaba yarabagejeje kuki ?
- Bavuga ko UNAR yali ifite umubano mwiza n'ishyaka M.N.C. rya P. Lumumba ndetse ngo n'aho apfiriye UNAR yakomeje kubana na Soumialot. Uko wabibonye uwo mubano wari ushingiye kuki ? Amatwara ya UNAR yaba yari afite aho ahurira n'aya M.N.C. ? Bavuga ko Rwagasana yajyaga abonana n'abayobozi ba M.N.C. ndetse na Lumumba ubwe. Ubiziho iki ? Gira icyo umbwira ku byerekeye uko UNAR yaba yarabanaga n'ishyaka UPRONA igihe ryari rikiyobowe na Rwagasore na nyuma yaho ? Amatwara y'ayo mashyaka yaba yari afite aho ahurira ? Ubiziho iki ? Inkunga ayo mashyaka yaba yarateranye yaba yaragaragariye he ?
- Kagame yemeza ko ibitero by'inyenzi byabaye urwitwazo kuri bamwe mu ba perefe n'ababurugumesitiri kugirango bikize abantu bose bari bafitanye amakimbirane, baba abahutu cyangwa se abatutsi. Ibyo waba warabyiboneye ? Hehe ? Wabivugaho iki ?

116. Bavuga ko impunzi z'i Nyamata zabanje kwanga kwikorera ndetse bamwe na bamwe ngo baba barakoresheje iterabwoba ? Ayo matwara yari agamije iki ? Byabagendekeye bite ?

117. Ntekerereza mu magambo arambuye uko u Rwanda rwigenga rwahagurukiye amajyambere mu nzego zikurikira :
  - ubucuruzi, mine n'inganda
  - uburezi, ubuhanga n'umuco
  - gutumanaho
  - amadini
  - umubano n'amahanga.

Ingorane u Rwanda rushya rwahuye nazo ni izihe ? Rwazikuyemo rute ? Inkunga u Rwanda rwabonye ni iyihe ?

.../...

## INTANDARO YA REPUBULIKA YA KABILI

118. Mu bayobozi ba Repubulika ya mbere havutse amakimbirane.
- Watubwira intandaro z'ayo makimbirane, abayakuruye n'uko byabagendekeye :
  - Amakimbirane hagati y'abatavuka hamwe
  - Abapfaga ko badahuje amatwara mu rwego rwa politiki ?
  - Abakururaga bashyira abo basangiye ubwoko bagashyamirana n'abo bafitanye isano ?
  - Amakimbirane hagati y'abadepite n'abaminisitiri (Inteko ishinga amategeko na guverinoma)
  - Amakimbirane hagati y'inteko ishinga amategeko n'urukiko rw'ikirenga
  - Amakimbirane hagati y'abadahuje amadini (Kibuye, Ruhengeri)
  - Ababaga bifitiye amakimbirane ku giti cyabo ariko ayo mahane akagira ingaruka mbi mu gihugu kuko yakururaga amacakubiri mu bayobozi b'igihugu (Rwasibo na Mulindahabi).
- Amavu n'amavuko y'icyo bise "guta umurongo" ni ayahe ?
- Abataye "umurongo" ni ba nde ?
- Byabagendekeye bite ?
- Ingaruka zabyo ni izihe ari muri Parmehutu ari no mu buyobozi bw'igihugu ?

119. Muri Repubulika ya mbere byigeze kugaragara cyane ko hari akarere karyamiye utundi, kakikubira ubutegetsi. Byaje bite ?
- Ababigizemo uruhare rukomeye ni ba nde ?
- Ababyamaganye ni ba nde ?
- Byabagendekeye bite ?

120. Ku wa 18/9/1968 hari hagiye kuba "coup d'état" bitiriye Nyatanyi na Muramutsa.
- Abandi bari bafatanyije ni ba nde ?
- Bari bafite matwara ki ?
- Byabagendekeye bite ?
- Ese ubona hari icyo ayo matwara yabo yari kungura igihugu ?
- Ese nta zindi za "coup d'état" zaba zaragerageje gukorwa zikaburiramo ?

121. Muri Gashyantare na werurwe 1973 habaye umwiryane udasanzwe : - mu mashuri
- mu nzego z'ubutegetsi
- mu bigo bya Leta n'ibyigenga
- mu cyaro.

- Byagenze bite ?
- Intandaro z'uwo mwiryane ni izihe ?
- Hari igisanira uwo mwiryane waba ufitanye n'imidugararo yabaye mu Burundi mu wa 1972 ?
- Iyo ugenzuye usanga abagize uruhare rukomeye mu gushoza uwo mwiryane ali ba nde ?
- Mu by'ukuri abandikaga amalisiti yirukana abantu ni abahe ?
- Ko uwo mwiryane watangiliye hagati y'abahutu n'abatutsi, waje kugera ute ku isubiranamo ry'uturere ?
- Bajya bavuga ko ngo haba harabaye n'ivangura ry'amadini. Ibyo byabaye hehe, ryari kandi ku buhe buryo ?
- Ababa baraguye muri iyo midugararo ubona ari nka bangahe ? Abahunze bo ?
- Ihumure ryagarutse bigenze bite ?
- Ese mu by'ukuri Leta yashoboye kugarura ihumure mu gihugu ?
- Muri icyo gihe Kiliziya n'andi madini byabyifashemo bite ?
- Ingabo z'u Rwanda zabyifashemo zite ?

122. Mu minsi yakurikiyeho bamwe muri ba ofisiye bakuru bacaguriwe ahantu bakora imirimo itagira aho ihuriye n'ibya gisirikare. Ayo matwara yari agamije iki ?

123. Ku wa 18 mata 1973 ingingo zimwe z'Itegeko Nshinga zaravuguruwe. Mu by'ukuri iryo vugururwa ryari rigamije iki ? Abari barikomeyeho ni ba nde ?

124. Ingingo ya 44 y'iryo tegeko ivuga ibyerekeye "Socialisme" ariko ku buryo budafututse neza. Uko wabibonye icyo gihe Leta yari yimirije imbere ayahe matwara ?

125. Ku wa 1 nyakanga 1973, igihe cy'ibirori byo kwizihiza ubwigenge bw'u Rwanda haje kuvuka igitotsi gikomeye bitewe n'amagambo adasanzwe Perezida Kayibanda yavuze. Yabitewe n'iki ? Avuga atyo yabonaga ko byamara iki ?

.../...

Bavuga ko hari uwavugiye muri "micro" ngo Perezida naveho baramurambiwe ndetse ngo hari bamwe bihaye gutaha umukuru w'igihugu akiri muri "tribune". Mu by'ukuri byagenze bite ?

126. "Coup d'état" y'uwa 5 nyakanga yakiriwe ite mu Rwanda, mu bihugu duhana imbibi, mu yandi mahanga ?